

POLISI Y'U RWANDA



**IBIRO BYA KOMISERI
USHINZWE ABAKOZI
BP 6304 KIGALI**

www.police.gov.rw

ITANGAZO KUBIFUZA KWINJIRA MURI POLISI Y'U RWANDA

Ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda buramenyesha abasore n'inkumi bashaka kwinjira muri Polisi y'u Rwanda k'urwego rw'aba ofisiye (**Cadet Course**) n'abapolisi bato (**Basic Course**) ko batangira kwiwandikisha ku cyicaro cya Polisi mu Karere (DPU) batuyemo guhera taliki ya **18/09/2021** kugeza taliki **05/11/2021** buri muni kuva saa **08h00-17h00**.

I. Kuba Ofisiye bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba abishaka
3. Kuba afite imyaka cumi n'umunani 18 atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu 25
4. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire byemejwe n'inzego zibanze (Umurenge)
5. Kuba atarigeze akatirwa igifungo kirenze amezi atandatu (6)
6. Kuba afite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza (A0) cyangwa icyiciro cyambere cya kaminuza (A1)
7. Kuba afite ubuzima buzira umuze bwemejwe na muganga wemewe na Leta
8. Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo wa Leta.
9. Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjizwa muri Polisi y'u Rwanda.
10. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu gihugu

II. Kuba Polisi bato bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda

2. Kuba abishaka
3. Kuba afite imyaka cumi n'umunani 18 atarengeje imyaka makumyabiri n'itana 25
4. Kuba ari indakemwa mu mico no mummyifatire byemejwe n'inzego zibanze (Umurenge)
5. Kuba atarigeze akatirwa igifungo kirenze amezi atandatu (6)
6. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (A2)
7. Kuba afite ubuzima buzira umuze bwemejwe na muganga wemewe na Leta
8. Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo wa Leta.
9. Kuba yatsinze ibizamini byo kwinjizwa muri Polisi y'u Rwanda.
10. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose mu gihugu

Abujuje ibisabwa bagomba kuza bitwaje forumirere yujuje neza iriho ifoto, iboneka ku rubuga rwa polisi (www.police.gov.rw).

Kubifuza ibindi bisobanuro mwahamagara **0788311785** cg **0788311526**.

Bikorewe i Kigali, kuwa. 17.../09/2021



Yahya M. KAMUNUGA
ACP
Komiseri ushinze Abakozi
Muri Polisi y'u Rwanda